Iyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga kwinjira mu bwiherero yasabaga ubusabe bugira buti: "ALLAHUMA INI AUDHU BIKA MINAL KHUBUTHI WAL KHABAITHI: Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde amashitani y'amagabo n'amagore

Hadith yaturutse kwa Anas (Imana imwishimire) yaravuze ati: Iyo Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yajyaga kwinjira mu bwiherero yasabaga ubusabe bugira buti: "ALLAHUMA INI AUDHU BIKA MINAL KHUBUTHI WAL KHABAITHI: Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde amashitani y'amagabo n'amagore."
[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iyo yashakaga kwinjira mu bwiherero yaba ari ukwiherera ibyoroshye cyangwa se ibikomeye, yikingaga kuri Allah ngo amurinde ibibi by'amashitani y'amagabo n'amagore. Hari n'abamenyi basobanuye KHUBUTHI WAL KHABAITHI ko ari ibibi n'imyanda.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3150